

December 29th 2018
Kigali Rwanda

- Nyakubahwa Minister wu` urubyiruko
- Nyakubawa Minister w` umuco na Sport
- Banyakubahwa muhagarariye urwego rushinzwe abahanzi Rwanda society of authors
- Bayobozi ba RDB
- Bayobozi mwese mufite munshingano zanyu aho muhurira n` urunyiruko, Ubucuruzi , inganda n` ibijyanye na Muzika
- Banyarwanda banyarwandakazi, bakunzi bumuziki nyarwanda

Impamvu: One year of Rwandan music only

(Gusaba ko icurangwa ry` imiziki y` inyamahanga byahagarikwa umwaka wose kuma Radio , Tvs , Social media , Night clubs and all other public events)

Njyewe Ndikumana David Diyen , uzwi mwizina ryubanza nka DIYEN , mbandikiye iyi baruwa ifunguye murwego rwo kubifuriza umwaka mushya muhire wa 2019 kandi mboneyeho n` akanya ko gushima byinshi ibigenda neza no kunenga ibitagenda neza kugirango twese hamwe turusheho guterimbere mu mikoranire yacu.

Muri rusange mbaje gushima aho umuzikinyarwanda ugeze n` intambwe yatewe kandi nshimira cyane cyane abakomeje kubigiramo uruhare nkabanyamakuru, aba DJs , abategura ibitaramo (ba rwiyemezamirimo) byumwihariko abakunzi b` umuziki nyarwanda.

Reka nenge , ibitagenda neza bigenda bidindiza umuzikinyarwanda kugeza naho bimaze kuba karande (Umuco Mubi cyane) bikaba bituma umuzikinyarwanda udatere imbere. Bitatuma muzika itaranga imipaka , impano nyarwanda zishaka kuzamuka ntizimenyekanye , abahanzi bashya bakabura aho banyura bazamuka , ruswa y` igitsina n` izindi ruswa z` ubwoko bwose zikarushaho gufata indi ntera , iterambere ry` igihugu n` iry` umuzikinyarwanda rikadindira , abahanzi bakiribato bakaguma mu bwigunge baririra mummyotsi.

Nahisemo gusobanua ingorane ziri mumuziki nyarwanda mungingo zingenzi zikurikira:

1. Ikibazo cy` Imyumvire

Nyakubahwa minister , banyakubahwa bayobozi burwego rushinzwe muzika , bahanzi , banyarwanda banyarwanda kazi , ikibazo kimyumvire gikomeje kuba ingorabahizi mumuziki nyarwanda.

- a. Umuhanzi wazamutse aho kumvako kuzamura abandi akabagiraho inyungu, ariwe akunguka ari nabo bakunguka bakanazanmuka nkuko abahanzi bi mubihugu bituranyi babigenza(Music label), abona ko kuzamura abandi bahanzi arukongera umubare wabo bahanganye.
- b. Kumva indirimbo y` ukumuhanzi mushya ukumva ari nziza ukayikwira kwiza ntibikibaho , Umunyamakuru ntashobora kumva indirimbo ngo yumve arinziza ayikine kuri radio , naho abakunzi bayimusaba , yifuza gukina indirimbo igira icyo imwinjiriza munyungu ze bwite bityo indirimbo nziza zakagombye gukundwa zikaburizwamo , nuko umuziki nyarwanda ugatakaza agaciro , abahanzi bakagombye kuzamuka bagahera hasi abandi bakabivamo nyamara barikuzagira icyo bamarira igihugu , Afrika n` isi muri rusange.

Aha nakwibutsa ko indirimbo idashobora gukundwa na rubanda mugihe rubanda batahawe amahirwe yo kuyumva. Ntawakunda icyo atazi atumvishe cg atabonye.

- c. Mu Rwanda niho honyine kwisi , igitaramo cyamamazwa kurwego rwigihugu , bigasakuza , bigacika wazajya gusanga ugasanga abantu muri icyo gitaramo baribicaye nkabicaye mu rusengeru. Aha nakibariza abategura ibitaramo , izo ntebe niziki mugitaramo gikomeye kirimo abahanzi barenga 10 ? wenda twemerako VIP ikwiye intebe

December 29th 2018

Kigali Rwanda

? ibitaramo byo kwicara ntahantu bikiba , ntamuntu ubyina yicaye , nje muri view yanjye abantu bakwiye kuba bahagaze bakabyina bareba abahanzi hejuru yabo kuri podium , **ibi bintu byo gusanga abantu bicaye mubitaramo ni umuco nyabaki** ? munsengero , mu nama n` ahandi kwicara ningombwa , kwicara mubitaramo by` abahanzi buri bantu 5 bafite imeza imbere yabo ibi ni ibiki ? Turaganahe nibi ibitaramo bishyushye bitareka abantu b` uruvunganzoka ngo baze begere podium ? Ese kuberiki usanga iyo hatumiwe umuhanzi uvuye hanze usanga abantu bahagarara ariko abahanzi nyarwanda ugasanga babareba bicaye , ibi byaje gute biterwa niki ?

Burya iyo umuntu ahagaze kwishimira umuziki biroroha umukunzi wamuzika akabyina yisanzuye ngameza zimuri imbere ziteretseho ibinyobwa. Kwicara nkabicaye mu rusengero kandi baje gutarama ni bimwe mubintu bidindiza umuzikinyarwanda ugasanga n` abahanzi bamwe nabamwe baracyumvako umuziki bivuze guhogoza aho usanga umuhanzi akoresha igitaramo akabura indirimbo abantu bashobora kumva bakanyeganyega. Nonese ubwoko bwa muzika tuzajyana kw` isoko mpuzamahanga nubuhe ? tuzashyire abanyamahanga ubwoko bwa muzika babyina bicaye ? Turagane he niyi myumvire yo gukora ibitaramo twicaye nkabicaye munama ? amaboko hejuru rekada , gusimbuka ashwida , ni umuziki bwokoki dushaka guteza imbere tutabanje gukosora imyumvire ?

- d. Ese ni abanyarwanda bakunda imiziki y` inyamahanga kurusha uko bakunda iy` abanyarwanda ? ese ni aba DJs (**abavangamiziki**) badakunda imiziki nyarwanda cg ni abahanzi badafite ubushobozi bwo gukora imiziki ishimisha abanyarwanda bihagije?

ese hazafashwe gahunda yo kudacuranga imiziki y` inyamahanga mugihe cyumwaka (only Rwandan music Campaign) tukareba ko byatangira umusaruro ? Ese koko abahanga mu muziki nyarwanda haricyo bagaya mundirimbo yanjye na n` umuhanzi nyarwanda **Bull Dogg**, iri kuri youtube yitwa "**TANAMA - Tarama**" cg izabandi nyinshi zishimishije kandi zibyinitse zikoranye ubuhanga ? ese haramutse hari byo kunegwa kuki batabitugezaho maze ngo twe nk` abahanzi tugenda dukosora ayomakosa kugirango turushaho kunoza imikorere ?

ese bayobozi mubifite munshingano , mubona habayeko itegeko ribuza gucuranga imiziki y` inyamahanga mugihe cyumwaka bitagira akamaro bisigira umuziki nyarwanda muruhando mpuzamahanga ? ese ko dukina cyane imiziki y` imvamahanga ariko bo ntibakine imiziki yacu mubona amaherezo azaba ayahe ? iyi myumvire izatugeza kuki ? " GIVE ME I GIVE YOU FI YOU DON'T GIVE ME I DON'T GIVE YOU" niyo ntero twagombye kwikiriza. Nyabuneka ndasabye nkomeje ngo inzego zibishizwe ziduhe twe nkabahanzi umwaka umwe imizikiyinyamahanga ibuzwe gucurangwa mugihugu hose mbijejeko umusaruro uzaba ushimishije.

Ni rukundo ki mufitiye abahanzi b` abanyamahanga rutuma mudakunda ibyiwanyu mugasamara muby` abanyamahanga ? **kuberiki usibye namuzika usanga abanyarwanda bakunda ibintu byo hanze cyane** ? urukweto, imyenda , inzoga byakorewe iburayi usanga burigihe umunyarwanda aba yiteguye kwishyura menshi kurusha ibyakorewe mu Rwanda, ibi bizatugezaha nk` abanyarwanda ?

- e. **Nari Umugabo Ntigahabwe Intebe** : Abanyabubasha muri muzika nyarwanda bafite imyumvire yo kumvako umuhanzi uzwi ukunzwe wamenyekanye ariwe uzakundwa kugeza yezu agarutse©. Bafite imyumvire yo kutamenya ko mubyo bashinzwe harimo no gushakisha impano nshya. Babite ikibozo cyo kutamenya ko nabarya bari hejuru burya nabo batangiriye hasi. Biteye agahinda kubona umunsi wa none naho wagira indirimbo

December 29th 2018

Kigali Rwanda

nziza kajana , ukagira ijwi nkiry` abamarayika , ntacyo bivuze ntanaho byakugeza mugihe abakagombye gukunda ibihangano byawe batazigera bahabwa amahirwe yo kubimenya cg kubyumva.

Reka mbivuge mbvivuye umuzi “ **indirimbo zisanzwe burya zitandukanye cyaneee n`indirimbo y` Igihugu**”. Indirimbo zisawa zirakundwa inyinshi murizo zigasaza, hakaza izindi kandi n` abahanzi nuko buri umwe agira igihe cye agakundwa akazavaho hakaza n` abandi (rugeru rwo hanze habayeho 50 cent muri IN DA CLUB , habayeho Ja rule muri always on time , muribuka neza umuraperi MC Mahonibon na KGB imyaka 10 ishize) NTAGAHORA GAHANZE. Ntago u Rwanda ruzigira rugira ahazaza heza ha muzika mugihe abahanzi bashya bakumirwa , abazwi bakagumya kwamamara by` ikirenga bitewe n` imyumvire y` abamwe mubavuga rikijyana muri muzika nyarwanda bameze nkabatekereza ko umuziki nyarwanda wageze iyo ujya udakeneye kwaguka ngo wakire abahanzi bashya.

Aha nkanjye umaze imyaka **12 muri muzika** , nabibutsa ko kutakira impano nshya bigaragaza ubunararibonye bucye muri muzika kuko usanga hari umuhanzi umwe ugamije gukundwa na bese (abato n` abakuru) , ubusanzwe aya ni amarorerwa, ni Amahano ntibibaho namba. Ahani nko gushaka kudoda imyenda ikwira abakivuga , igakwira urubwiruko , abakecuru n` abasaza icyarimwe.

Ubundi ahandi mubihugu byateye imbere usanga buri muhanzi afite irye soko (abe bafana) kandi usanga uko imyaka igenda itambuka wamufana agenda asazana n` abakunzi be ariko ugasanga harabahanzi bashya bagenda bubakira kubyo bakuru babo bakoze maze bagatera intamwe ijyanye nigihe bagakora ibyari byarananiranye.

Banyarwanda banyarwandakazi, bayobozi mubifite munshingano , ni amakosa kutareba kure ngo dusigasire abahanzi dufite ubu ariko tunategura ababa bayoboye umuziki nyarwanda mu myaka irimbere.

Muhe amahirwe angana abahanzi bese mureke abanyarwanda bihitiremo. Uko kudategura imbaraga z` umuziki wejo , twakira barumuna bacu bazanye imbaraga nshya nibyo bidinziza umuziki nyarwanda ntkindi. Abavuga rikijyana muri muzika nyarwanda usanga burigihe baba bategereje ko igikorwa gikomye muri muzika kiza gukorwa nabasanzwe bazwi , ntanarimwe bigera bateganyako wamwana ukivumbuka ariwe waza agakora ibyo bakurube batabashije gusoza agakandagira aho bo batabashije kugera. Mwansobanurira gute ukuntu 90% y` abahanzi bazwi ubu mu Rwanda ari nabo bari bazwi imyaka 10 ishize ? nukuvuga ko abanyamakuru babikundira bityo bakabakundisha abanyarwanda , arinabo bari bakomeye muri showbiz nyarwanda mummyaka icumi ishize. Muri macye nukuvuga ko abahanzi bakundaga mummyaka 10 ishize arinabo bakunda ubu bisobanuye ko urubwiruko rushya rwujuje imyaka 17 nyuma ya 2015 mubyukuri nta muhanzi wabo nyirizina bafite kuko bo baracyumva cg baracyakundishwa abahanzi bakuru babo bakunda imyaka icumi ishize.

(where is the update in the Rwandan music industry ? we are only behind because we are still enjoying and dancing on the new Nigerian music (helping them get rich) but we are still doing our own 10 years old music because the Rwandan leading artist of 10 years ago are still leading now and the leading people in the Rwandan showbiz of 10 years ago are still leading now therefore we are basically 10 years behind in music production , music distribution , music everything????).

Tugomba kugendana nigihe mumuziki forget the past

December 29th 2018

Kigali Rwanda

Mwasobanura gute uburyo umuhanzi nyarwanda aba azi neza ko umuziki wa Nigeria ukubita nk' inkuba n' abanyamakuru ubwabo wawukunda bityo bakawukina cyane , we yajya gukora umuziki akazana ibintu byo guhogoza ? ese mwambwira ninde mubahanzi 10 bambere bakunzwe muri Afrika uririmba bahogoza ? ese umuziki wo guhugiza twahurekeye abaririmbyi bo munsegero ko mbona kumva umuntu uhogoza usanga nabyo bikeyewe rimwe narimwe cyane cyane iyo abawumva bicaye nkakurya abantu bicara munsengero ? ese ubundi ninde wabwiye abanyarwanda ko kumenya kuririmba bivuze kumenya guhogoza ?

- f. **Umuco:** burugihe usanga gusigasira umuco bitavugwaho rumwe ariko nje nsaga ahanini biterwa no kutagira igishushanyo mbonera n' intego zijyanye no gushyigikira umuco. **Murabizi ko uyu muninsi wanone ngiye gusaba akazi mukigo cya reta nkagenda niyogoshesheje / nasokoje amasunzu bishobora kumviramo kubura akazi bityo bigatwa kimwe nuko najyayo nfitse dread cg nambaye pocket.** Umuco ni ikintu cyingezi cyane kandi kigomba gusigasirwa ariko nanone imyumvire kumuco igomba gusobanuka hashingiwe kubwubanane buri wese akagira uburenganzira bwo guhitamo ubuzima na muzika ashaka. Aha nakwibutsako usibye nimyambarire n' amadini yazanywe n' abazungu ubwayo kuyajyamo kwaruguta umuco nyarwanda ariko bitewe nuko buriwese agira aye mahitamo , dukwiye twese kubaha amahitamo n' ubuzima (lifestyle) bwa buri muntu.

Kubijyanye na muzika aha nasaba inzego izibishinzwe kugiruruhare runini mugukangurira abanyarwanda gusigacira umuco ariko tukirinda ibintu bo kuvanga amasaka n' amasakaramento. Nigute umuhanzi uririmba umuco ashaka kwambara nkabaraperi babanyamerika ? aha ndaciye kuruhande ndemeza neza ko umuziki wubu (**modern music**) uhabanye cyane n' umuco nyarwanda haba mu butumwa (message) busohoka mu ndirimbo zigezweho ubu ntaho buhuriye n' indangagaciro nyarwanda kandi ntitwareka kimwe ngo dufate ikindi kuko n' isi ubwayo dutuyemo igenda ihenduka n' imyumvire yabato siyo yabakuru.

Icyo nasaba aha nuko muri muhanzi yagira uruhare mugushyigikira umuco nyarwanda ariko muri rusange rutareka abakora umuziki wa gakondo bakabigiramo ubunararibonye bakatubera urugero rwiza ndetse bakanashyigirwa ariko twumvikane kukintu kimwe “ buriwese yabifata uko ashaka arko ukuri nyako nuko umuco nyarwanda uhabanye cyane nimiziki yinzaduka , umuco nyarwanda uhabanye n' amadini yinzaduka uwashaka kubivanga yaba avanga ibitavangika (umuziki nta rurimi ugira umuziki ni umuziki kandi imiziki myinshi yabanyamahanga ikunzwe muriyiminsi yuzuyemo amagambo n' intego zihabanye cyane n' umuco nyarwanda)”. Iyaba aribishoboa , Umuziki nyarwanda wabarizwa hamwe naho umuziki ugezweho Rwandan modern music ukabarizwa ahandi.

Kuvanga umuziki gakondo/ Umuco n' umuziki mushya (Rwandan Modern music) ugasanga bihagarariwe nurwego rumwe , NI AMAKOSA AKOMEYE(**ibi ninko gufata association iharanira inyungu z' abantu bigurisha ukavangamo abafundi , warangiza ukayihira Padiri , shehe cg na pasitori ngo ariwe uzajya yita kwiterambere r' iyo association.** (As long as the entity in charge of the Rwandan culture/ Gakondo Music is the same entity that represents the Rwandan modern music, we will continue having issues that will never be solved).

Byakabaye bishimishije iyaba abaririmba umuziki gakondo bafashwa cyane bakitabwaho bityo wenda hakaba nababijyamo bakabikomera bitewe n' umusaruro urimo kuko umuziki gakondo ni umuziki ukwiye kwitabwaho n' imbaraga zose zishoboka ariko Please ndabivuze mbisubiyemo : Nihadafatwa ingamba z' uburyo umuziki nyarwanda wa

December 29th 2018

Kigali Rwanda

gakondo wakitawaho ukwawo hanyuma na modern Rwandan music ikitabwayo burburyo buwukwiye mu myaka hagati y` itanu n` icumi (5 to 10 years)hazabaho ingaruka zikomeye kur` ubwiruko nyarwanda muzatangiyeye kwigaragaza harimo ibiyobyabwenge , kuraruka , ubusambanyi n` ibindi kuko modern music yaba iyo murwanda yaba iyohanze , yo ahanini ijyanye n` iraha no gushimisha umubiri mumyambaro, mumvugo , mumashusho no mubikorwa ntago ijyanye no kwigisha urubyiruka umuco. (Aha nnye mbivuze uko mbyumba ubwo wenda hazabaho abandi babisobanura ukindi).

2) **Ruswa**

Njye nibaza niba ikibazo cya ruswa kidaterwa n` abantu bashinga ibinyamakuru bakaba badafite ubushoozi buhagije bwo guhamba abanyamakuru umushahara ukwiye , nibikoresho bihagije bityo abanyamakuru bagahura n` imbogamizi mumirimo yabo yaburiminsu bitewe namikoro macye. Ndibaza kandi ese ikibazo cya ruswa mumuziki reta igifiteho izihe ngamba ? ese ikibazo cya ruswa y` igitsi kubana **babakobwa** n` abasore bakiribato ntampungenge giteye ministeri na organizations muyoboye ?

Ese ubundi radio nkuko zisanzwe zifite umwanya wo kwamamaza zazashizeho gahunda igenewe kwamamaza indirimbo zabanahanzi yakwitwa “ **prime time**” hagashtyirwaho igiciro kizwi umuhanzi yishyura indirimbo ye ikagezwa kwisoko nyarwanda muburyo buboneye maze na Radio ikagira inyungu ariko ikishyura amafaranga macye abahanzi bato bashobora kwishyura kandi igihe cyo kwishyurwa kibaba gito kugirango indirimbo nyarwanda zikomeje zikinywe mubindi biganiri nkuko bisanzwe bitagombeye kwishyura.

3) **Urubuga (Lack of a fair , well known legal and legitimate platform where new music can be discovered just like the Billboard website)**

Njye iyo nitegereje nsanga habura urubuga ruzwi abanyamuziki baturiraho mukugaragaza impano zabo. Aha nasaba ministeri gufasha abahanzi hakajyaho urubuga ruzwi rwa reta nyuma rwazegurirwa abikore , aho abahanzi bese bazajya bapostinga indirimbo zabo za audio cg youtube links , abantu bese bikaba bizwi ko ariho basanga indirimbo nsya z` abahanzi nyarwanda. Ntiha gire radio yemererwa gukina indirimbo mugihe itaciye kururwo rubuga. Urwo rubuka rukaba rwubatse kuburyo indirimbo yumvishwe kurushaindi ijya hejuru y` izindi bityo kumenya indirimbo yakunzwe cyane bikazajya bireberwa kururwo rubuga.

Urubuga rutarya ruswa , urubuga rwanareberwaho mugutanga ibihembo byindirimo zakunzwe kurusha izindi. Uku indirimbo yumvwa nabenshi ikagenda izamuka kuri lisiti (chart). Urwo rubuga rwavanaho akavuyo kari mu muziki nyarwanda rukazamura umuhanzi wese ufiye impano , rukavanaho icyenewabo nukagabanya cg rugaca ruswa nakarengane gakorerwa abahanzi bakiribato, rugatuma impano zibasha kugaragara bityo indirimbo MBI yatanzwe ho ruswa ntikundwe kurusha indirimbo NZIZA itazwi bitewe nuko itagize uyisunika.

Ururubuga rwanamenyekana vuba bitewe nuko abahanzi ubwobo bazajya barwamamaza kugirango indirimbo zabo ikomeze zitorwe cg zimenywe nabenshi nuko amaradio yo nkuko byavuzwe haruguru akaba abujijwe gukina cyane indirimbo zitari kurutonde rwindimbo zakunzwe kurubuga reta yashyiriyeho abahanzi. **Aha nakibutsa ko ibi byafatanywa ku kuba indirimbo zinyamahanga zahagarikwa gucurangwa mugihe cyumwaka kugirango twese hamwe turebere hamwe umusaro mwiza bitanze.**

4) **Amikoro macye**

December 29th 2018

Kigali Rwanda

Imyaka ibiye myinshi abanyarwanda bumva umuziki kandi aho isi igeze industry y` umuziki ntiyakagombye kuba igitaka ibibazobya` amikoro macye, kuba iki kibazo kigihari bishatse kuvuga ko nibihari bicye bitabyazwa umusaruru nkuko bikwiye.

- a) Niba abanyarwanda bakunda umuziki nyarwanda wenda bakitabira ibitaramo bakanagura ibihangano by` abahanzi nyarwanda
- b) Niba abantu bategura ibitaramo batishyura abahanzi nyarwanda amafaranga akwiye bo binjije menshi byaba arikibazo cyakitabwaho kandi niba abahanzi nyarwanda bishyurwa amafaranga macye cyane ugereranyije nayo abanyamahanga bishyurwa iyo batumiwe mu Rwanda nabyo byabarikibazo gikomeye kandi gikwiye gushakirwa umuti byihutirwa.

Ese ubu ntiwasanga abakoresha ibitaramo bababashaka gukorera ahantu hato bakishyura menshi aho gukorera ahantu hanini (urugero : muri stade) hakishyurwa macye macye ariko akagiwra bitewe nubwinshi bwabantu kandi ibi bigahura nabimwe navuze yoku imyumvire yibitaramo bwo kwicaza abantu nkabicara munsengeru yacika ?

- c) Ese niki inzego muyoboye zikora muguhugura abahanzi mukuba ba rwiyezeza mirimo maze ngo bishakemo ibisubizo bashinga cg bakorana na ba rwiyezeza mirimo , abashoramari nk` inganda zikora imyenda , inzoga , amavuta n`ibindi ..?
- d) Ese abacuruzi cg abikorera babasha gusobanikirwa neza akamaro ko **kubaka izina** no kwamamaza ukoresha abantu bubatse izina nkuko ibigo byitumanaho byabashije gusobanukirwa ? ese mukugabanya ikibazo cy` amikoro ntiharebwa uburyo ibikoreshe bya muzika bikurirwaho imisoro n` n` abakora ibijyanye n` ubuhanzi bose bagakurirwaho cg bakagabanyirizwa imisoro mugihe runaka ?

Nsoje mabshimira uburyo mwakiriye icyegeranyo gikubiyemo ibitekerezo byanjye kandi mbye mbashimiye uko mwakurikiza bimwe bimubisubiza (recommendations and possible solutions) natanze muri iyinyandiko.

Murakoze,
Mugire Umwaka mushya muhire
Nyagasani komeze abane namwe.

Diyen

Social media @diyen250